7) Ni uwuhe mugani w'umugenurano wari gucira Gaheshyi nyuma yo kubona ubudabagizi bwe ? Kubera iki ari uwo wamucira ? **(amanota 2)**

8) Kuki Rubyagira atabwiye Kimenyi ko babanje guhungira i Burundi ? **(inota 1)**

9) Ni iki kerekana ko Rubyagira na Gaheshyi batumvikanaga ku itahuka ryabo mu Rwanda ? **(amanota 2)**

10) Garagaza ibintu bibiri byerekana ko Gisanura yakundaga Gaheshyi. **(amanota 2)**

11) Erekana impamvu nyayo yaba yaratumye Gaheshyi yiyahura. **(inota 1)**

12) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko : **(amanota 6)**

(a) Abozi :

(b) Ibikeremanya:

(c) Akadasohoka:

(d) Ubudabagizi:

(e) Inkiko:

(f) Abanyanzoga :

**IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO** **(amanota 25)**

13) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo : **(amanota 5)**

(a) Maze aramubwira <u>ati</u> : "<u>Nduzi</u> udashaka kubyumva ahasigaye uzabyumvishwa n'igihe."

(b) Gaheshyi na <u>se</u> bari bamaze gukira <u>cyane</u>.

(c) Basanze <u>ibyiza</u> ari ugusubira mu Rwanda aho kuguma mu Gisaka.

14) Garagaza intego y'amagambo aciyeho umurongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine). **(amanota 8)**

(a) Ababyumvise <u>bose</u> batangira kuryanirana <u>inzara</u>.

(b) Aramusubiza ati : " Nzahabwa <u>impundu</u> ntabarutse. "

(c) Urebye neza usanga <u>twakoraga</u> ibintu by'<u>ingenzi</u> kuri buri wese.

15) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi ibikurikira : **(amanota 5)**

(a) Ikinyazina mbanziriza
(b) Umugereka w'igihe
(c) Igisantera
(d) Ikinyazina ngenera ngenga
(e) Inyigana (inyiganarusaku)

16) Shyira interuro ikurikira mu bindi bihe bikuru by'inshinga: **(amanota 2)**

Gaheshyi yaranzwe no kudabagira mu mirimo ye.

17) Andika imimaro y'amagambo aciyeho umurongo: **(amanota 3)**

(a) Gaheshyi yakundaga <u>inzoga cyane</u>.
(b) <u>Rubyagira</u> yahuye n'ibibazo bitoroshye.
(c) Icyo gihe hajyaga ku rugerero <u>abahungu</u> gusa.

18) Hanga interuro ngufi ugaragaze ibikurikira: **(amanota 2)**

(a) Ruhamwa
(b) Icyuzuzo

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 33)**

19) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 5)**

(a) Mpagaze mu gahinga nyarira ab'epfo!
(b) Mpinze mu gahinga nsarura mu gapfunsi!
(c) Nteye agapira kagera i Roma!
(d) Inka yange irishiriza mu mishito igataha mu mishito!
(e) Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo!

20) Vuga ubwoko bw'ako kandiko gakurikira. Kubera iki kitwa gutyo. Erekana akamaro ka bene utwo twandiko ku munyeshuri. **(amanota 3)**

*Ejo nishe ibibiribiri bibiri!*
*None nishe ibibiribiri bibiri!*
*Bibiribiri bibiri bya nyirabibiribiri bibiri!*
*Hari umugabo wo kwica ibibiribiri bibiri?*

21) Ubutinde n'amasaku: Subiza ukoresheje "**oya**" cyangwa "**yego**" ukurikije uko bisomwa: **(amanota 5)**

(a) **Ubwêenge** bivuga imyobo mitoya.

(b) **Gusaza** ni ukuba umuntu ageze mu zabukuru.

(c) **Gusaaba** ni ugukwira hose.

(d) **Impîri** ni ubwoko bw'inzoka.

(e) **Amafû** ni ayo bakoresha bavuga umutsima.

22) Simbuza utudomo amagambo yabugenewe: **(amanota 5)**

(a) Ubusanzwe intare bayita ...................... naho impyisi ikitwa ................

(b) Inuma ntabwo ivuga ahubwo ......................

(c) Ingoma ntabwo ishyushywa ahubwo ..........................

(d) Ntabwo bavuga uduta ahubwo bavuga .........................

23) Sobanura inshoberamahanga zikurikira: **(amanota 5)**

(a) Gukingira umuntu ikibaba:

(b) Gutera hejuru:

(c) Gukama ikimasa:

(d) Gukubita impyisi inkoni:

(e) Kuruma ugahuha:

24) Wifashishije ingero erekana itandukanyirizo riri hagati y'ibi bikurikira: **(amanota 6)**

(a) Interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo.
(b) Imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.
(c) Impuzanyito n'ingwizanyito.

25) Erekana imvugwakimwe ebyiri ziri mu gika cya gatatu cy'uyu mwandiko "Yaruhiye gaheshyi" unagaragaze ukuntu ari imvugwakimwe. **(amanota 4)**

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

26) Hitamo insanganyamatsiko imwe wandikaho: **(amanota 15)**

**Ikitonderwa:** Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko zirenze imwe zombi zizaba imfabusa.

(a) Ishyire mu mwanya w'umubyeyi wandike itangazo rirangisha umwana watoraguwe akaba amaze icyumweru iwawe. Umubyeyi yitwa Hakorimana Yozefu utuye i Ruhande. Ugaragaze ibimuranga n'uko ababyeyi be bamubona.
(b) Kora inyandikomvugo y'inama yahuje abanyamuryango bose ba Koperative ABISHYIZEHAMWE ikora ubuhinzi bw'imboga n'imbuto. Iyo Koperative ikorera mu Murenge wa Tyazo. Wandike mu mazina ya Hirwa Gasana. Iyo nyandikomvugo igire hagati y'imirongo makumyabiri na makumyabiri n'itanu (20-25).

**Ikitonderwa:** Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.